# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

WERURWE 2025

## MU KIGO NGORORAMUCO CYA NYAMAGABE, MINISITIRI W'URUBYIRUKO, DR. UTUMATWISHIMA YASOJE AMAHUGURWA Y'IGORORAMUCO YAHABWAGA URUBYIRUKO RUGERA KU 1303




SOMA PAJI YA 2- 3

SOMA PAJI YA 13

## HONORABLE DUSINGIZEMUNGU YIFATANYIJE N'ABATURAGE B'UMURENGE WA CYANIKA MU MUGANDA RUSANGE WIBANZE KU GUSUKURA URWIBITSO RWA JENOSIDE RWA CYANIKA



SOMA PAJI YA 4

## HONORABLE MUKABUNANI YASABYE ABAGORE N'ABAGABO KWIRINDA AMAKIMBIRANE MU MIRYANGO







SOMA PAJI YA 9

## AKARERE KASHIMIWE NK'AKITWAYE NEZA MU NTARA Y'AMAJYEPFO, MU BIKORWA BITUMA GAHUNDA YO GUFATIRA IFUNGURA KU ISHURI IGENDA NEZA

# MU KIGO NGORORAMUCO CYA NYAMAGABE, MINISITIRI W'URUBYIRUKO, DR. UTUMATWISHIMA YASOJE AMAHUGURWA Y'IGORORAMUCO YAHABWAGA URUBYIRUKO RUGERA KU 1303




***Minisitiri wa MOYA, Dr. UTUMATWISHIMA mu gusoza amasomo y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe***

Ku wa 06 Werurwe 2025, mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MOYA), Dr. UTUMATWISHIMA Abdallah hamwe n'abandi bayobozi batandukanye bitabiriye igikorwa cyo gusoza amahugurwa y'igororamuco yahabwaga urubyiruko rugera ku 1303 rwaturutse mu gihugu hose.



***Abitabiriye igikorwa cyo gusoza amasomo y'igororamuco yahabwaga urubyiruko mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe babanje kwerekwa amasomo anyuranye rwahabwaga***

Ubwo yahaga ikaze abashyitsi, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko imbaraga urubyiruko rwasoje amahugurwa mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe mu mwaka wa 2025 rwagaragaje, ari amahirwe ya kabiri yo gukorera no gukorana n'imiryango yarwo ndetse n'igihugu mu kwiteza imbere.



***Meya NIYOMWUNGERI aha ikaze abashyitsi***

NSENGUMUREMYI Bumaya wavuze mu izina rya bagenzi be basoje amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe, yavuze ko biyemeje kuba umusemburo w'ibyiza no gufatanya n'abandi kubaka igihugu.

Yavuze kandi ko biyemeje kubwira 'OYA' uwo ari we wese wagerageza kongera kubashora mu ngeso mbi.



***NSENGUMUREMYI wavuze mu izina rya bagenzi be basoje amahugurwa y'igororamuco***

Minisitiri w'Urubyiruko n'Interambere ry'Ubuhanzi (MOYA), Dr. UTUMATWISHIMA Abdallah yabwiye uru rubyiruko ko bitewe n'amahirwe Leta yarushyiriyeho nta rwitwazo rwakabaye rugira rutuma rwishora mu ngeso mbi.

Yarusabye kuvana ingamba muri iki Kigo Ngororamuco zirimo kwita ku miryango yarwo, kwiteza imbere no kwirinda kongera kugwa mu mutego rwaguyemo mbere.

By'umwihariko yarusabye kwirinda ibigare kuko biri mu byarugushije mu mutego watumye rwisanga mu Kigo Ngororamuco.



***Minisitiri wa MOYA yasabye uru rubyiruko kwirinda ibigare***



***Mu gihe cy'imyaka 2 uru rubyiruko rwamaze muri iki Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe, rwize amasomo atandukanye arimo ay'ububaji, ubugeni, amashanyarazi, ubuhinzi n'ayandi***

Igikorwa cyo gusoza amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe kitabiriwe kandi na Komiseri wa Polisi (CP) George Rumanzi, Komiseri ushinzwe Ibikorwa n'Umutekano Rusange, Umuyobozi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo, ACP TWIZERE Désiré, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana NSHIMIYIMANA Védaste, Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Igororamuco (NRS), CP (Rtd) Faustin NTIRUSHWA n'abandi.



***Ikigo Ngororamuco cya Nyamagabe giherereye mu Murenge wa Gatare***



***Ubwo urubyiruko rwasoje amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya Nyamagabe mu mwaka wa 2025 rwakiraga abashyitsi***

## HONORABLE MUKABUNANI YASABYE ABAGORE N'ABAGABO KWIRINDA AMAKIMBIRANE MU MIRYANGO




***Honorable MUKABUNANI yasabye abagore n'abagabo kwirinda amakimbirane***

Abagore n'abagabo bo mu Karere ka Nyamagabe by'umwihariko abo mu Murenge wa Musebeya basabwe kwirinda amakimbirane mu miryango, ahubwo bakarushaho kumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Ibi babisabwe ku wa 08 Werurwe 2025, ubwo bari mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore.

Aha muri Musebeya, abashyitsi bitabiriye ibi birori babanje gusura ibikorwa by'abagore bitandukanye.



***Abitabiriye ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore ku rwego rw'Akarere babanje kwerekwa ibikorwa by'abagore bo mu Murenge wa Musebeya***

Depite MUKABUNANI Christine, wari umushyitsi mukuru, yakanguriye imiryango kurushaho kumva neza akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu gukomeza gutera imbere no kubaka umuryango utekanye kandi ushoboye.

Yaragize ati: "Hari imvugo zivuga ko hari imiryango igira za karande zo gutandukana, ukumva bavuga ngo uriya aturuka mu muryango n'ubundi ababyeyi be batabanaga, na we ntibizakunda. Izo karande tuzice, tugerageze kurema imiryango myiza kandi iramba."

Honorable MUKABUNANI yabasabye kandi kutitana ba mwana mu kurera abana.



***Honorable MUKABUNANI yasabye abagore n'abagabo kwirinda amakimbirane***

Aha muri Musebeya, hari imiryango yahawe inka zo kuyifasha mu rugendo rw'iterambere.

Hahembwe kandi abahize abandi mu gashya ka 'Mbikore Nanjye Biroroshye' aho buri muturage yizigamira igiceri cy'ijana bikamufasha kwitangira umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza bitamugoye.

Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wizihizwaga ku nshuro ya 50 mu Rwanda, wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Umugore ni uw'agaciro."

## MU KARERE HATANGIJWE IBIKORWA BY'UBUFATANYE BWA POLISI N'INGABO Z'U RWANDA BIGAMIJE GUTEZA IMBERE ABATURAGE



***Meya NIYOMWUNGERI na Gitifu w'Intara mu bikorwa by'ubufatanye bwa Polisi n'Ingabo mu Murenge wa Kitabi***

Ku wa 18 Werurwe 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA bifatanyije n'abaturage b'Akagari ka Kagano, mu Murenge wa Kitabi, mu bikorwa ngarukamwaka bihuriweho n'Ingabo, Polisi n'abaturage, aho bashije ikibanza kigiye kubakwaho Ishuri ry'Incuke (ECD) muri GS Kitabi mu rwego rwo kugabanya ubucucike.



***Ikibanza cyashijwe muri GS Kitabi kizubakwaho ECD mu rwego rwo kugabanya ubucucike***

Ku ruhanda rw'Ingabo na Polisi, iki gikorwa cyitabiriwe na SSP SANO NKERAMUGABA, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Major Elie NKURANGA, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere n'abandi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana NSHIMIYIMANA yasabye ababyeyi bari bitabiriye iki gikorwa kuzabungabunga iki gikorwaremezo kandi bakihatira kujyana abana babo ku ishuri mu rwego rwo kubaraga ahazaza heza.




***Gitifu w'Intara, Bwana NSHIMIYAMANA yasabye abaturage ba Kitabi kuzafata neza iki gikorwaremezo bagiye kwegerezwa***

Ku wa Mbere tariki ya 17 Werurwe 2025, ni bwo ku bufatanye bwa Polisi y'u Rwanda (RNP) n'Ingabo z'igihugu (RDF), hatangijwe ibikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage (Citizen Outreach Programme-COP25).

Ni ibikorwa bizakorerwa mu gihugu hose mu gihe cy'amezi atatu, mu rwego rwo kwizihiza Kwibohora ku nshuro ya 31 n'imyaka 25 y'ubufatanye hagati ya Polisi n'abaturage.

## ABAREMA ISOKO RY'AMATUNGO RYA RYARUBONDO BAVUGA KO UMUHANDA BARI KUBAKIRWA WOROHEJE UBUHAHIRANE



***Abarema isoko ry'amatungo rya Ryarubondo barishimira umuhanda bari gukorerwa***

Abarema isoko ry'amatungo rya Ryarubondo rihererereye mu Murenge wa Tare bavuga ko umuhanda ugana muri iri soko bari kubakirwa uri kubafasha mu koroshya ubuhahirane.

Nubwo imirimo yo gukora uyu muhanda itararangira, urakoreshwa.

Abawukoresha by'umwihariko abatwara ibinyabiziga biba bitwaye abaremye iri soko n'abatwara amatungo, bavuga ko kuri ubu bisigaye byoroshye kugera aha mu Ryarubondo kandi n'ibinyabiziga byabo ntibicyangirika nka mbere.



***Umuhanda ujya mu isoko ry'amatungo rya Ryarubondo woroheje ubuhahirane***

Umwe muri bo aragira ati: "Wabaye mwiza n'imodoka ntabwo zicyangirika, barawukoze pe! Turatambuka ntacyo twikanga. Mbere wari urimo ibinogo byinshi, n'imodoka warayizanaga kuyisubizayo bikaba ikibazo. Wayivanaga aha uhita ukomereza mu igaraji ariko ubu nta kibazo."



***Umwe mu batwara abarema isoko rya Ryarubondo avuga ko ibinyabiziga byabo bitacyangirika nka mbere***

Umuturage ukunze kurema isoko ry'amatungo rya Ryarubondo nawe aragira ati: "Abantu turema iri soko, mbere ntabwo twabashaga kurigeramo mu buryo bworoshye. Iyo imvura yagwaga byabaga ari ibibazo bikomeye. Ariko uno munsi ntawe utinya kuhaza afite imodoka ye, mu gihe utarakorwa no kugira ngo moto ihagere byabaga bigoye cyane."

Uyu muhanda w'ibilometero 7 uva ahitwa TEMATA werekeza mu isoko ry'amatungo rya Ryarubondo, uri gushyirwamo 'laterite'.

Biteganyijwe ko uzuzura muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 utwaye miliyari 1,5 y'amafaranga y'u Rwanda.

## ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE BAKIRIYE URUBYIRUKO RWASOJE AMAHUGURWA Y'IGORORAMUCO MU KIGO NGORORAMUCO CYA IWAWA



***Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bakiriye urubyiruko rwo mu Karere rwasoje amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya IWAWA***

Ku wa 06 Werurwe 2025, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bari kumwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abandi, bakiriye urubyiruko rwo mu Mirenge itandukanye y'Akarere rugera ku 125 rwasoje amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya IWAWA.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yabwiye uru rubyiruko ko ubuyobozi bw'Akarere burwiteguye bihagije kandi buzarufasha mu rugendo rwo gusubira mu buzima busanzwe.

Yarusabye kubyaza umusaruro ubumenyi rwakuye muri iki Kigo Ngororamuco no kwihangana ntirwumve ko rugomba guhita rukira.

Yaragize ati: "Mugomba kubyaza umusaruro ubumenyi muvanye mu masomo y'igororamuco mwahabwaga. Tuzababa hafi kandi twarabiteguye. Gusa na none ntimwumve ko mugomba guhita mukira vuba. Gukira ni urugendo."

Uru rubyiruko rwijeje ubuyobozi bw'Akarere ko rutazongera gusubira mu ngeso mbi ahubwo rugiye kubyaza umusaruro ubumenyi ruvanye mu Kigo Ngororamuco cya IWAWA ndetse rugafatanya n'abandi kubaka igihugu.

Ku wa 19 Werurwe 2025, imvugo yabaye ingiro kuko Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashyikirije urubyiruko rwavuye mu Bigo Ngororamuco, ibikoresho bitandukanye bizarufasha mu rugendo rwo gusubira mu buzima busanzwe no kubyaza umusaruro amasomo rwavanye muri ibi Bigo.



***Meya NIYOMWUNGERI yasezeranyije urubyiruko rwasoje amahugurwa y'igororamuco mu Kigo Ngororamuco cya IWAWA ko ubuyobozi bw'Akarere buzaruba hafi***



***Meya NIYOMWUNGERI ashyikiriza urubyiruko rwavuye mu Bigo Ngororamuco, ibikoresho bizarufasha gusubira mu buzima busanzwe***

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAGIRANYE IBIGANIRO N'ABADEPITE BO MURI FFRP BYIBANZE KU KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE



***Itsinda ry'Abadepite bo muri FFRP ryari riyobowe na Honorable MUKABUNANI ryasuye Akarere***

Ku wa 07 Werurwe 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere bakiriye Honorable Depite MUKABUNANI Christine na Honorable Depite UWUMUREMYI Marie Claire bo mu Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishingamategeko y'u Rwanda (FFRP), bagirana ibiganiro ku bibazo bibangamiye umuryango birimo amakimbirane, imyitwarire mibi ku rubyiruko n'ibindi hagamijwe kurebera hamwe ingamba zatuma imiryango irushaho kugira imibereho myiza no kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Nyuma y'ibi biganiro, aba Badepeti basuye imwe mu miryango ibana mu makimbirane n'itakiyarimo.

Umuryango wa BARINDA Abel na WIBABARA Alphonsine utuye mu Mudugudu wa Nyabivumu, Akagari ka Nyabivumu, Umurenge wa Gasaka, Honorable Depite MUKABUNANI Christine yasuye aherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, watanze ubuhamya bw'uko usigaye ubanye neza nyuma yo kuva mu makimbirane.

BARINDA avuga ko imikino y'amahirwe yakinaga yazaga ku isonga mu byatumaga abana nabi n'umugore we.

Yaragize ati: "Tutarahabwa amahugurwa na RWAMREC, nari mbanye nabi n'umugore wanjye. Hari imikino y'amahirwe nari narinjiyemo nzi ko izanteza imbere ariko uko iminsi yagendaga ihita indi igataha narushagaho gukenesha urugo. Hari n'igihe nibaga umugore amafaranga yagujije mu itsinda, nkayajyana bakayarya kandi ngataha nirakaje rimwe na rimwe tukarwana".



***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO mu bakiriye Abadepite bo muri FFRP***



***BARINDA yemeza ko nyuma y'inyigisho we n'umugore we bahawe na RWAMREC batongeye kubana mu makimbirane***

# AKARERE KASHIMIWE NK'AKITWAYE NEZA MU BIKORWA BITUMA GAHUNDA YO GUFATIRA IFUNGURO KU ISHURI IGENDA NEZA




*Visi Meya UWAMARIYA ashyikirizwa na Minisitiri w'Uburezi ishimwe Akarere kagenewe mu guteza imbere Gahunda yo Gufatira Ifunguro ku Ishuri*

Ku wa 07 Werurwe 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yashyikirijwe ishimwe ry'uko mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyamagabe kaje ku isonga mu twahanze udushya dutuma Gahunda yo Gufatira Ifunguro ku Ishuri igenda neza.

Iri shimwe Visi Meya UWAMARIYA yarishyikirijwe na Minisitiri w'Uburezi, NSENGIMANA Joseph mu birori byo kwizihiza Umunsi Nyafurika wahariwe gahunda yo gufatira ifunguro ku ishuri wizihirijwe ku rwego rw'igihugu muri GS Kigali.

Ihingwa ry'ibihumyo mu bigo by'amashuri, ni kimwe mu byafashije Akarere mu gukemura ibibazo biri muri Gahunda yo Gufatira Ifunguro ku Ishuri (School Feeding) n'imirire mibi.

Hagamijwe kunganira gahunda ya School Feeding no gukemura ibibazo by'imirire mibi mu bigo by'amashuri, Ubuyobozi bw'Akarere bwashyizeho gahunda yo guhinga ibihumyo mu bigo by'amashuri byose bibarizwa mu Karere.

Binyuze muri iyi gahunda, inshuro imwe cyangwa 2 mu cyumweru, umunyeshuri wo mu bigo by'amashuri 104 byo mu Karere arya amafunguro arimo ibihumyo. Ni ukuvuga ko abasaga ibihumbi 87 bagerwaho n'iri funguro.

Imigina ibihumbi 13,753 ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 11, itanga umusaruro mu cyumweru ungana n'ibiro 1,535 bifite agaciro kagereranyije k'amafaranga y'u Rwanda anagana na 2,302,500.

Gahunda yo guhinga ibihumyo mu bigo by'amashuri, imaze kugera mu bigera ku 104, ibisigaye na byo bikaba biteganyijwe kuyitangira vuba.



*Ishimwe Akarere kagenewe kariherewe mu birori byo kwizihiza Umunsi Nyafurika wahariwe Gahunda yo Gufatira Ifunguro ku Ishuri*



*Ihingwa ry'ibihumyo mu bigo by'amashuri byo mu Karere, ni kimwe mu byunganira Gahunda yo Gufatira Ifunguro ku Ishuri*

# ICYUMWERU CY'UMUJYANAMA MU KARERE CYASOJWE HAGARAGAZWA IBIGOMBA KWITABWAHO KUGIRA NGO UMUTURAGE AHORE KU ISONGA



*Abagize Inama Njyanama y'Akarere bitabiriye ibikorwa by'Icyumweru cy'Umujyanama*

Abagize Inama Njyanama y'Akarere, basoje ibikorwa by'Icyumweru cy'Umujyanama, aho basuye Imirenge itandukanye baganira n'Abakozi bayo hamwe n'abagize Ibyiciro byihariye ku buzima rusange bw'Akarere, ibibazo bihari n'uburyo byashakirwa ibisubizo.

Ni ibikorwa batangiye ku wa 17 Werurwe 2025 bisozwa ku wa 21 Werurwe 2025. Icyumweru cy'Umujyanama cy'uyu mwaka wa 2025 cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "Umuturage, Ijwi ku Mujyanama, Umujyanama, Ijwi ry'Umuturage."

Atangiza ibi bikorwa, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, yavuze ko Icyumweru cy'Umujyanama ari igikorwa ngarukamwaka, aho abagize Inama Njyanama bose bigabanyamo amatsinda bagasanga abaturage n'abahagarariye ibyiciro byihariye mu Mirenge yabo, bakaganira ku iterambere ry'Akarere, bakanarebera hamwe ibibazo bihari n'uburyo byakemuka.

Yaragize ati" Igikorwa tugiyemo ni ukumva bya byifuzo by'abaturage kugira ngo tubabere ijwi… Tubashyiriye [abaturage] ibitekerezo kuko muri iki Cyumweru tuzaganira ku bibazo bibangamiye imibereho myiza yabo, ariko si ukubiganira ngo bigarukire aho, ahubwo ni ukureba uko byakemuka dufatanyije."

Ibiganiro abagize Inama Njyanama y'Akarere batanze mu Mirenge, byibanze ku bushakashatsi bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, RGB, ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi, buzwi nka 'Citizen Report Card' (CRC).

By'umwihariko hibanzwe ku byagaragajwe n'ubu bushakashatsi mu Karere ka Nyamagabe mu mwaka wa 2024.

Hatanzwe kandi ikiganiro ku kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Harebewe hamwe kandi ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage n'uburyo byakemurwa.



*Abagize Inama Njyanama y'Akarere baganiriye n'abakozi b'Imirenge hamwe n'abahagarariye Ibyiciro byihariye*

Icyumweru cy'Umujyanama mu Karere cyasojwe n'umwiherero w'iminsi 3 wabereye mu Murenge wa Kitabi kuva ku wa 20 kugeza ku wa 22 Werurwe 2025.

Muri uyu mwiherero, abagize Inama Njyanama y'Akarere, bunguranye ibitekerezo ku bibazo basanze mu Mirenge bigomba kwitabwaho kugira umuturage ahore ku isonga. Ibyo birimo ibikorwaremezo nk'amateme, imihanda, amashanyarazi n'amazi bitaragera ku baturage bose n'ibindi.

Bunguranye kandi ibitekerezo kuri Gahunda y'Imyaka 5 y'Iterambere ry'Akarere yo kuva mu mwaka wa 2024 kugeza mu wa 2029.

Banaganiriye kuri Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2).

Banahawe ikiganiro kuri gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda" na Bwana UWIZEYE Jean de Dieu, Umokozi wa Association Modeste et Innocent (AMI).

Yababwiye ko isano abanyarwanda bafitanye riruta kure icyo ari cyo cyose cyashaka kubatanya.



*Abagize Inama Njyanama y'Akarere mu mwiherero barebeye hamwe ibikibangamiye iterambere ry'umuturage mu Karere*



*Bwana UWIZEYE yatanze ikiganiro kuri gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda"*



*Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere, Bwana MUNYEMANA Pascal yagaragaje ibibazo bibangamiye abaturage basanze mu Mirenge*

# UMUYOBOZI W'AKARERE YATANGIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2025B



***Meya NIYOMWUNGERI yatangije igihembwe cy'ihinga 2025B***

Ku wa 18 Werurwe 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere barimo SSP SANO NKERAMUGABA, Umuyobozi wa Polisi mu Karere n'abandi, yatangirije igihembwe cy'ihinga 2025B ku rwego rw'Akarere, mu Mudugudu wa Uwinka, Akagari ka Mujuga, mu Murenge wa Kitabi.

Hatewe igihingwa cy'ingano ku butaka buhujwe buherereye muri uyu Mudugudu.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Kitabi by'umwihariko ab'aka Kagari guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi mu rwego rwo kwihaza mu biribwa.

Yaragize ati: "Turabasaba guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi mu rwego rwo kwihaza mu biribwa. Akarere ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) twabageneye imbuto y'ingano yunganiwe 100%. Twabageneye kandi imbuto y'ibirayi yabonetse ku bufatanye n'abatubuzi b'imbuto y'ibirayi batijwe ubutaka ku mukandara wa Pariki ya Nyungwe. Ibiro muzahabwa ni byo muzajya mugarura. Ni mu rwego rwo kugira ngo twongere umusaruro w'igihingwa cy'ibirayi mu Karere kacu."

Meya NIYOMWUNGERI yasabye by'umwihariko, aba baturage kwirinda amacukubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Igihembwe cy'ihinga2025B, cyatangijwe mu Mirenge yose igize Akarere.



***Ubutaka bwatangirijweho igihembwe cy'ihinga 2025B, ni ubutaka buhujwe bukaba bwarahinzweho ingano***



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage ba Kitabi guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi***

# UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABANYESHURI BO MURI EP BISHYIGA YIZEHO, KWIGA BASHYIZEHO UMWETE BATITAYE KU MBOGAMIZI BAHURA NAZO



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abana biga muri EP BISHYIGA yizeho, kwiga bashyizeho umwete*

Ku wa 19 Werurwe 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatanze ikiganiro muri EP BISHYIGA mu bukangurambaga bwiswe "Nawe Wagera Kure."

Nyuma yo kunyurira muri make, abana biga muri iri shuri inzira y'inzitane yanyuzemo ariko ntibimubuze gukomeza amasomo ye kugeza abaye Umuyobozi w'Akarere, yababwiye ko nubwo hari igihe abana bahura n'ibibazo bitandukanye birimo ibyo mu muryango n'ibindi, bidakwiye kubabera impamvu yo gutsindwa mu ishuri cyangwa kurivamo.

Yabasabye kutagira inzozi zigarukira ku gutsinda amasomo gusa ahubwo bakwiye no kugira izibaganisha kuzagira ubuzima bwiza.

Yabasabye kandi guhitamo inshuti nziza bakirinda izibayobya.

By'umwihariko yasabye ababyeyi n'abarezi kuba hafi y'abana, bakababakundisha ishuri.

Gahunda ya "Nawe Wagera Kure", ni gahunda ya Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yari igamije gushishikariza abanyeshuri kwiga bashyizeho umwete, banazirikana ko uburezi ari inkingi ikomeye mu iterambere ry'igihugu.

Muri iyi gahunda, bamwe mu bayobozi mu nzego zitandukanye basubiye mu bigo by'amashuri bizeho bagasaba abana kwiga bashishikaye kandi bakiga bafite intego.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yize muri EP BISHYIGA iherereye mu Murenge wa Buruhukiro kuva mu mwaka wa 1991.

Yayivuyeho akomereza muri Petit Séminaire Virgo Fidelis iherereye mu Karere ka Huye, aho yasoreje amashuri yisumbuye.



*Meya NIYOMWUNGERI yabwiye abana biga muri EP BISHYIGA ko nta rwitwazo rwo guta ishuri bafite*



*Abana biga muri EP BISHYIGA basezeranyije Meya NIYOMWUNGERI kuzatera ikirenge mu cye*

## HONORABLE DUSINGIZEMUNGU YIFATANYIJE N'ABATURAGE B'UMURENGE WA CYANIKA MU MUGANDA RUSANGE WIBANZE KU GUSUKURA URWIBITSO RWA JENOSIDE RWA CYANIKA



***Honorable DUSINGIZEMUNGU na Visi Meya HABIMANA mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Werurwe 2025 aho bakoze isuku ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika***

Ku wa 29 Werurwe 2025, Honorable Senateri Prof. DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Cyanika, mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Werurwe 2025.

Bakoze isuku ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika mu rwego rwo kwitegura kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Honorable Senateri Prof. DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre yashimiye abawitabiriye bose by'umwihariko urubyiruko.

Yaragize ati: "Ndashimira mwebwe mwese mwitabiriye uyu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Werurwe 2025 wibanze ku bikorwa byo gusukura uru Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika. Ni igikorwa cyiza twakoze cyo gusubiza icyubahiro abacu baruruhukiyemo bambuwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. By'umwihariko ndashimira urubyiruko rwitabiriye ku bwinshi. Nabonyemo n'abana bato. Ni ikintu cyiza cyane. Biragaragaza ko mwumva uburemere n'akamaro by'igikorwa turimo."

Yabasabye by'umwihariko kugira ubumwe, kwirinda amacakubiri no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere no gukurikiza inama bagirwa n'ubuyobozi.

Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Werurwe 2025, wakozwe kandi mu Mirenge yose igize Akarere



***Honorable DUSINGIZEMUNGU yashimiye abitabiriye Umuganda Rusange wa Werurwe 2025***



***Honorable Senateri DUSINGIZEMUNGU yasabye abaturage bo mu Cyanika kurangwa n'ubumwe***

## MU KARERE HATERANYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA



*Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere isoza igihembwe cya 3 cy'umwaka wa 2024-2025 yarateranye*

Ku wa 31 Werurwe 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yize ku ngingo zinyuranye zirimo iyo kwemeza raporo y'icyumweru n'imyanzuro y'umwiherero by'Abajyanama b'Inama Njyanama y'Akarere byabaye kuva ku wa 17 kugeza ku wa 22 Werurwe 2025.

Iyi nama kandi yemeje imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu y'inyungu rusange n'intonde zijyanye nayo.

Yasuzumye raporo y'ibikorwaremezo (inyubako) bya Leta bidakoreshwa, hafatwa Umwanzuro w'uko hazakomeza gukusanywa amakuru yabyo n'aho biherereye, akazashyikirizwa inama y'Inama Njyanama y'Akarere itaha.

Inama yarebeye hamwe kandi ishyirwa mu bikorwa ry'itangwa ry'amasoko ya Leta mu Karere ka Nyamagabe, inarebera hamwe gahunda y'Akarere yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




*Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 31 Werurwe 2025, yayobowe na Perezida wayo Madame UWAMAHORO*



*Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarereraporo y'icyumweru n'imyanzuro y'umwiherero by'Abajyanama biheruka kuba*

# MU KARERE HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAZI



***Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi mu Karere wizihirijwe mu Cyanika***

Ku wa 27 Werurwe 2025, mu Murenge wa Cyanika, habereye ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"Kubungabunga Ibyogogo."

Ibi birori byabanjirijwe no gutaha ibigega bifata amazi byubatswe muri Petit Séminaire Saint Jean Paul II Gikongoro no muri Groupe Scolaire Notre Dame de la Paix Cyanika ku bufatanye bwa
HIS Towers na Water Aid Rwanda.

Ubutumwa bwatangiwe muri ibi birori bwibanze ku kamaro k'amazi mu buzima bw'umuntu, ubw'inyamaswa n'ubw'ibimera, ababyitabiriye basabwa kuyabungabunga no kuyagirira isuku.



***Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi mu Karere byabanjirijwe no gutaha ibigega by'amazi byubatswe muri bimwe mu bigo by'amashuri***

Muri iki gihe hizihizwa Umunsi Mpuzamahanga w'Amazi, Minisiteri y'Ibikorwaremezo, MININFRA, itangaza ko abantu bakwiye kwita ku ikoreshwa ry'amazi n'umutungo kamere birinda imyanda ituruka ku bikoresho by'ikoranabuhanga.

Iyi Minisiteri ivuga ko iyi myanda y'ikoranabuhanga yanduza kurushaho kuko ishyiramo ibindi binyabutabire bidasanzwe mu bidukikije bisanzwe. Iyo myanda iyo yinjiye mu mazi nk'umutungo kamere, biragorana kongera gukoresha ayo mazi haba mu buhinzi, kuyanywa ndetse no bikorwa byose bikorershwamo amazi."

Mu myaka irindwi ishize (2017-2024) mu rwego rw'ibikorwaremezo mu Rwanda hakozwemo byinshi bigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage aho mu bijyanye no gukwirakwiza amazi meza ku baturage byazamutse bigera kuri 82% nubwo intego yari 100%.

Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) iva mu mwaka wa 2024 ikagera mu wa 2029, igaragaza ko buri rugo, ishuri n'ikigo nderabuzima mu Rwanda bizaba bifite amazi meza n'isuku byizewe.



***Abanyeshuri bakinnye umukino ugaragaza akamaro k'amazi***

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**

**www.nyamagabe.gov.rw**